Bibiliya y'abana
irerekana

Yesu ahitamo Intumwa cumi n'ebyiri

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.

Story 39 of 60

www.M1914.org

Bible for Children, *PO Box 3, Winnipeg, MB R3C 2G1 Canada*

Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Kinyarwanda

Yiyemeza guhitamO abagabo cumi na babiri muri benshi bamukurikiraga ubudahemuka, kugira ngo bamufashe mu murimo w'Imana.

3

Niba ufite amahitamo akomeye, ubanza gusenga Imana? Yesu yarabikoze! kuri wa musozi Yesu yaganiriye na se wo mu ijuru. Yesu yarasenze kugeza izuba rirenze.

4

Yesu yasenze akesha ijoro ryose.

5

Mu gitondo, Yesu yahamagaye abigishwa be n'inshuti ndetse n'abamwubahaga bose. Muri bo atoranya cumi na babiri kuba abafasha cyangwa intumwa.



6

Abambere babiri yahisemo ni Simoni Petero na mwene se Andereya. Baretse umurimo wabo wo kuroba amafi ubwo Yesu yabahamagaraga ngo bamukurikire.



7

Yakobo na Yohana bene Zebedeyo nabo basize inshundura zabo.

8

Yesu yahisemo kandi Filipo Barutolomayo, Matayo, Tomasi, Simoni witwa Zelote yakobo mwene Alufayo, Yuda mwene se wa Yakobo na Yuda Isikariyota wahindutse umugambanyi wa Yesu.

9

Yesu ababwira ko gukora ibyo arimo abasaba ni ngo kubaka inzu ku rutare. Umuyaga w'inkubiri ntuzigera usenya iyo nzu.

10

Ariko kutubaha ijambo rya Yesu ni ngo kubakira ku musenyi. Iyo umuyaga w'inkubiri uhushye inzu iragwa.



11

Amwe mu mategeko ya Yesu ntabwo yoroshye. "Umuntu nagukubita umusaya wawe w'iburyo, uzamuhereze n'uw'ibumoso," ...

12

... arigisha "Mukunde n'abanzi banyu" Abantu bakeneye ubufasha bw'Imana ngo babeho nka Yesu.



13

Yesu abwira abantu ngo ni basenga bajye biherera batagiye aherenga nk'uko bamwe mu bayobozi babikoraga.



14

Yesu aravuga ati Imana izagaburira kandi izambika abamwizera.

15

Imana igaburira inyoni igaha amabara meza indabyo n'amababi, abantu be bagomba kumwiringira ku byo bifuza.

16

Yesu yigishije intumwa ze nshya ibintu byinshi uwo munsi. Arangije umurwayi w'ibibembe araza asaba Yesu ngo amukize.

17

Yesu asubiza umurwayi w'ibibembe ati: "Ndabikora." kira. mugihe intumwa zabirebaga, umunyabibembe araterana aruzura. Ahita akira. Ntawundi wabikora keretse Umwana w'Imana. Intumwa zimenya ko zifite umwarimu mwiza.



18

Yesu ahitamo Intumwa cumi n'ebyiri

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 4-7, Mariko 1, Luka 6

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, aribyo yita icyaha. Igihano cy'icyaha n'urupfu.

Imana iradukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo, Yesu, gupfira kumusaraba maze yishyura igihano cyacu. Yesu yarazutse maze asubira mu ijuru! Ubu Imana ishobora kubabarira ibyaha byacu.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti: Ku nshuti yanjye Imana, Nizera ko Yesu yamfiriye kandi ubu akaba ari muzima na none. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye maze umbabarire ibyaha byanjye, kugira ngo uyu munsi mbashe kubona ubuzima bushya, maze mbane nawe ubuzira herezo. Mfasha kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina. Yohana 3:16

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi!